REPUBULIKA Y'U RWANDA

Rulindo, ku wa 04/09/2020

INTARA Y'AMAJYARUGURU
AKARERE KA RULINDO
Ref. : Administration and HR unit

ITANGAZO RY'AKAZI

Ubuyobozi bw'Akarere ka Rulindo bushingiye ku matangazo yo ku wa 25/08/2020 y'Umuyobozi Mukuru w'Ikigo k'Igihugu Gishinzwe Uburezi"**REB**" ahamagarira abakandida bashaka akazi ku myanya yo kwigisha mu mashuri y'incuke, abanza, ayisumbuye, n'ay'imyuga n'ubumenyingiro ndetse n'imyanya yo mu rwego rw'Ubuyobozi mu mashuri;

Ubuyobozi bw'Akarere ka Rulindo bushingiye kandi ku ibaruwa y'Umuyobozi Mukuru wa REB wa Nº 3125/REB/TD&CGC/20 yo kuwa 31/08/2020 ivuga k'ubufatanye mu gikorwa cyo gushaka no gushyira mu myanya abarimu, buramenyesha abakandida bose bashaka akazi mu burezi mu Karere ka Rulindo kandi bujuje ibisabwa ku myanya yavuzwe mu matangazo ya REB yo kuwa 25/08/2020;

Mu rwego rwo gukomeza kwirinda icyorezo COVID-19, abashaka akazi bazatanga dosiye isaba akazi hakoreshejwe uburyo bw'ikoranabuhanga kuri email: **recruit.educ@rulindo.gov.rw**.

Ibisabwa kuri buri mwanya n'igihe cyo gutangira no kurangiza gutanga dosiye isaba akazi, bigaragara mu matangazo ya REB yo ku itariki yavuzwe haruguru.

N.B. Dosiye zisabwa zose zigomba kuba ziri muri **file imwe** kandi muri **PDF format.**

Rulindo, kuwa 04/09/2020

KAYIRANGA Emmanuel
Umuyobozi w'Akarere ka Rulindo

E-mail : rulindodistrict@ rulindo.gov.rw
BP : 6892 Kigali
Tel :0788527312

Scanned with CamScanner